| ITEGEKO Nº 013/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHO AMAHORO YISHYURWA KURI LISANSI, KURI MAZUTU NO KU BINYABIZIGA AGENEWE GUSANA IMIHANDA | LAW Nº 013/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING A LEVY ON PETROL, GAS OIL AND MOTOR VEHICLES FOR ROAD MAINTENANCE | LOI Nº 013/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UNE REDEVANCE SUR L'ESSENCE, LE MAZOUT ET LES VÉHICULES AUTOMOBILES POUR L'ENTRETIEN ROUTIER |
|---|---|---|
| **ISHAKIRO** | **TABLE OF CONTENTS** | **TABLE DES MATIÈRES** |
| **Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije** | **Article One: Purpose of this Law** | **Article premier : Objet de la présente loi** |
| **Ingingo ya 2: Igipimo n'ishingiro by'amahoro** | **Article 2: Levy rate and base** | **Article 2 : Taux et base de la redevance** |
| **Ingingo ya 3: Aho amahoro yakirirwa** | **Article 3: Place of levy collection** | **Article 3 : Lieu de perception de la redevance** |
| **Ingingo ya 4: Konti ibikwaho amahoro** | **Article 4: Account for levy deposit** | **Article 4 : Compte pour versement de la redevance** |
| **Ingingo ya 5: Ibinyabiziga bisonewe amahoro** | **Article 5: Motor vehicles exempted from levy** | **Article 5 : Véhicules automobiles exonérés de la redevance** |
| **Ingingo ya 6: Ingingo y'ururimi** | **Article 6: Language provision** | **Article 6 : Disposition linguistique** |
| **Ingingo ya 7: Ingingo ivanaho** | **Article 7: Repealing provision** | **Article 7 : Disposition abrogatoire** |
| **Ingingo ya 8: Gutangira gukurikizwa** | **Article 8: Entry into force** | **Article 8 : Entrée en vigueur** |

| | | |
|---|---|---|
| **ITEGEKO Nº 013/2025 RYO KU WA 27/05/2025 RISHYIRAHO AMAHORO YISHYURWA KURI LISANSI, KURI MAZUTU NO KU BINYABIZIGA AGENEWE GUSANA IMIHANDA** | **LAW Nº 013/2025 OF 27/05/2025 ESTABLISHING A LEVY ON PETROL, GAS OIL AND MOTOR VEHICLES FOR ROAD MAINTENANCE** | **LOI Nº 013/2025 DU 27/05/2025 PORTANT INSTAURATION D'UNE REDEVANCE SUR L'ESSENCE, LE MAZOUT ET LES VÉHICULES AUTOMOBILES POUR L'ENTRETIEN ROUTIER** |
| **Twebwe, KAGAME Paul,**<br>Perezida wa Repubulika; | **We, KAGAME Paul,**<br>President of the Republic; | **Nous, KAGAME Paul,**<br>Président de la République ; |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA** | **THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA** | **LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA** |
| **INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:** | **THE PARLIAMENT:** | **LE PARLEMENT :** |
| Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Mata 2025; | The Chamber of Deputies, in its sitting of 28 April 2025; | La Chambre des Députés, en sa séance du 28 avril 2025 ; |
| Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 93 n'iya 165; | Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64, 93 and 165; | Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64, 93 et 165 ; |
| Isubiye ku Itegeko n° 35/2015 ryo ku wa 30/06/2015 rishyiraho amahoro yakwa kuri lisansi na mazutu agenewe gusana imihanda; | Having reviewed Law nº 35/2015 of 30/06/2015 establishing the levy on petrol and gas oil for road maintenance; | Revu la Loi nº 35/2015 du 30/06/2015 portant instauration de la redevance sur l'essence et le mazout pour l'entretien routier ; |
| **YEMEJE:** | **ADOPTS:** | **ADOPTE :** |

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri tegeko rigamije**

Iri tegeko rishyiraho amahoro yishyurwa kuri lisansi, kuri mazutu no ku binyabiziga agenewe gusana imihanda.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Igipimo n'ishingiro by'amahoro**

(1) Igipimo cy'amahoro yishyurwa kuri lisansi cyangwa kuri mazutu ni 15% by'agaciro ka lisansi cyangwa aka mazutu, habariwemo ikiguzi cy'ubwishingizi n'icy'ubwikorezi.

(2) Ishingiro ry'amahoro yishyurwa ku kinyabiziga rishyizweho ku bwoko bw'ibinyabiziga ku buryo bukurikira:

| **Ubwoko bw'ikinyabiziga** | **Ingano y'amahoro mu (FRW)** |
|---|---:|
| **Ivatiri** | 50.000 |
| *Jeep* | 50.000 |
| **Ikamyoneti** | 100.000 |
| *Microbus* | 100.000 |
| **Minibisi** | 100.000 |
| **Bisi** | 100.000 |
| **Ikamyo** | 120.000 |
| Rukururana ntoya | 120.000 |
| Rukururana nini | 150.000 |

**<u>Article One</u>: Purpose of this Law**

This Law establishes a levy on petrol, gas oil and motor vehicles for road maintenance.

**<u>Article 2</u>: Levy rate and base**

(1) The rate of the levy on petrol or gas oil is 15% of the value of petrol or gas oil, including the cost of insurance and freight.

(2) The base of the levy on motor vehicle is set according to the motor vehicle categories as follows:

| **Category** | **Levy amount (FRW)** |
|---|---:|
| Car | 50,000 |
| Jeep | 50,000 |
| Pick-up | 100,000 |
| Microbus | 100,000 |
| Minibus | 100,000 |
| Bus | 100,000 |
| Truck | 120,000 |
| Half-trailer | 120,000 |
| Trailer | 150,000 |

**<u>Article premier</u> : Objet de la présente loi**

La présente loi instaure une redevance sur l'essence, le mazout et les véhicules automobiles pour l'entretien routier.

**<u>Article 2</u> : Taux et base de la redevance**

(1) Le taux de la redevance sur l'essence ou le mazout est de 15% de la valeur de l'essence ou du mazout, y compris le coût d'assurance et de fret.

La base de la redevance sur le véhicule automobile est fixée en fonction des catégories de véhicules automobiles comme suit :

| **Catégorie** | **Montant de la redevance (FRW)** |
|---|---:|
| Voiture | 50.000 |
| Jeep | 50.000 |
| Pick-up | 100.000 |
| Microbus | 100.000 |
| Minibus | 100.000 |
| Bus | 100.000 |
| Camion | 120.000 |
| Semi-remorque | 120.000 |
| Remorque | 150.000 |

| | | |
|---|---|---|
| **<u>Ingingo ya 3</u>: Aho amahoro yakirirwa** | **<u>Article 3</u>: Place of levy collection** | **<u>Article 3</u> : Lieu de perception de la redevance** |
| (1) Amahoro yishyurwa kuri lisansi no kuri mazutu yakirirwa kuri gasutamo hakurikijwe Itegeko rigenga imicungire ya za gasutamo z'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba. | (1) The levy on petrol and gas oil is collected at the customs point in accordance with the East African Community Customs Management Act. | (1) La redevance sur l'essence et le mazout est perçue au poste douanier conformément à la Loi portant gestion des douanes de la Communauté de l'Afrique de l'Est. |
| (2) Amahoro yishyurwa ku binyabiziga agenewe gusana imihanda amenyekanishwa kandi akishyurwa ku Buyobozi bw'Imisoro bitarenze ku wa 31 Ukuboza ya buri mwaka. | (2) The levy on motor vehicles for road maintenance is declared and paid annually to the Tax Administration no later than 31 December of each year. | (2) La redevance sur les véhicules automobiles pour l'entretien routier est déclarée et payée à l'Administration fiscale au plus tard le 31 décembre de chaque année. |
| **<u>Ingingo ya 4</u>: Konti ibikwaho amahoro** | **<u>Article 4</u>: Account for levy deposit** | **<u>Article 4</u> : Compte pour versement de la redevance** |
| Amahoro yishyurwa kuri lisansi, kuri mazutu no ku binyabiziga agenewe gusana imihanda abikwa kuri konti ishamikiye kuri konti imwe rukumbi y'Ikigega cya Leta. | The levy imposed on petrol, gas oil and motor vehicles for road maintenance is deposited into a sub-account of the Treasury Single Account. | La redevance sur l'essence, le mazout et les véhicules automobiles pour l'entretien routier est versée sur un sous-compte du compte unique du Trésor. |
| **<u>Ingingo ya 5</u>: Ibinyabiziga bisonewe amahoro** | **<u>Article 5</u>: Motor vehicles exempted from levy** | **<u>Article 5</u> : Véhicules automobiles exonérés de la redevance** |
| Ibinyabiziga bikurikira bisonewe amahoro agenewe gusana imihanda: | The following motor vehicles are exempted from road maintenance levy: | Les véhicules automobiles suivants sont exonérés de la redevance pour l'entretien routier : |
| (a) ibinyabiziga bya Leta y'u Rwanda; | (a) motor vehicles of the Government of Rwanda; | (a) véhicules automobiles du Gouvernement du Rwanda ; |

| | | |
|---|---|---|
| (b) ibinyabiziga by' ambasade n'iby'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda; | (b) motor vehicles of high commissions, embassies and diplomats accredited to Rwanda; | (b) véhicules automobiles des hauts-commissariats, des ambassades et des diplomates accrédités au Rwanda ; |
| (c) ibinyabiziga by'imiryango mpuzamahanga ifitanye amasezerano na Repubulika y'u Rwanda. | (c) motor vehicles of international organisations having signed an agreement with the Republic of Rwanda. | (c) véhicules automobiles des organisations internationales ayant signé un accord avec la République du Rwanda. |
| **<u>Ingingo ya 6</u>: Ingingo y'ururimi** | **<u>Article 6</u>: Language provision** | **<u>Article 6</u> : Disposition linguistique** |
| Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda. | This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda. | La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda. |
| **<u>Ingingo ya 7</u>: Ingingo ivanaho** | **<u>Article 7</u>: Repealing provision** | **<u>Article 7</u> : Disposition abrogatoire** |
| Itegeko n° 35/2015 ryo ku wa 30/06/2015 rishyiraho amahoro yakwa kuri lisansi na mazutu agenewe gusana imihanda rivanyweho. | Law nº 35/2015 of 30/06/2015 establishing the levy on petrol and gas oil for road maintenance is repealed. | La Loi nº 35/2015 du 30/06/2015 portant instauration de la redevance sur l'essence et le mazout pour l'entretien routier est abrogée. |
| **<u>Ingingo ya 8</u>: Gutangira gukurikizwa** | **<u>Article 8</u>: Entry into force** | **<u>Article 8</u> : Entrée en vigueur** |
| Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda. | This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda. | La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda. |

| |
|---|
| Kigali, 27/05/2025<br><br>(sé)<br><br>**KAGAME Paul**<br>Perezida wa Repubulika<br>President of the Republic<br>Président de la République |
| (sé)<br><br>**Dr NGIRENTE Edouard**<br>Minisitiri w'Intebe<br>Prime Minister<br>Premier Ministre |
| **Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**<br>**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**<br>**Vu et scellé du Sceau de la République :**<br><br>(sé)<br><br>**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**<br>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta<br>Minister of Justice and Attorney General<br>Ministre de la Justice et Garde des Sceaux |